INYANDIKO NGENDERWAHO Y'AMATEGEKO SHINGIRO

TEMPLATE STATUTE

MODELE DE STATUT

AMATEGEKO SHINGIRO YA [IZINA RY'UMURYANGO]

STATUTES OF [NAME OF THE ORGANIZATION]

STATUTS DE [NOM DE L'ORGANISATION]

UMUTWE WA I: IZINA, ICYICARO GIKURU, INTEGO N'IGIHE UZAMARA

CHAPTER I: NAME, HEAD OFFICE, MISSION, AND DURATION

CHAPITRE I : DÉNOMINATION, SIÈGE SOCIAL, MISSION ET DURÉE

Ingingo ya 1: Izina n'ubuzimagatozi

Article 1: Name and legal personality

Article premier : Dénomination et personnalité juridique

Hashyizweho umuryango utari uwa Leta witwa [Andika izina ryuzuye ry'umuryango], mu magambo ahinnye [Andika impine], ukorera mu Rwanda hakurikijwe amategeko.

An organization named [Insert Full Name of NGO], abbreviated as [Insert Abbreviation], is hereby established as a non-governmental organization operating in Rwanda in accordance with the law.

Il est créé une organisation non gouvernementale dénommée [Insérer le nom complet de l'ONG], en sigle [Insérer le sigle], exerçant ses activités au Rwanda conformément à la loi.

Umuryango ubona ubuzimagatozi umaze kwandikwa n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB).

The Organization acquires legal personality upon registration by the Rwanda Governance Board (RGB).

L'Organisation acquiert la personnalité juridique après son enregistrement auprès de l'Office Rwandais de la Gouvernance (RGB).

Umuryango ntugamije inyungu. Nta nyungu cyangwa umutungo by'umuryango bigabanywa abanyamuryango.

The Organization operates as a non-profit entity. No profits or assets shall be distributed to members.

L'Organisation est à but non lucratif. Aucun bénéfice ni élément de son patrimoine ne peut être distribué aux membres.

Ingingo ya 2: Icyicaro gikuru

Article 2: Head Office

Article 2 : Siège social

Icyicaro gikuru cy'Umuryango kiri:
• Intara/Umujyi: [Andika Intara/Umujyi]
• Akarere: [Andika Akarere]

The head office of the Organization is located in:
• Province/City: [Insert Province]
• District: [Insert District]

Le siège social de l'Organisation est situé :
• Province/Ville : [Insérer la province/ville]
• District : [Insérer le district]

• Umurenge: [Andika Umurenge]

Urwego rukuru rushobora kwimurira icyicaro gikuru ahandi mu Rwanda rumaze kubimenyesha RGB.

Ingingo ya 3: Inshingano n'intego

Inshingano y'Umuryango ni [Andika intego rusange]. By'umwihariko, ugamije:
1. [Intego ya 1]
2. [Intego ya 2]
3. [Intego ya 3]

Kugira ngo ugere ku ntego zawo, Umuryango ushobora gukora igikorwa icyo ari cyo cyose cyemewe n'amategeko kandi gihuye n'inshingano zawo.

Ingingo ya 4: Igihe Umuryango uzamara

Umuryango ushyizweho ku gihe kitazwi.

UMUTWE WA II: ABANYAMURYANGO N'IMITERERE Y'INZEGO

Ingingo ya 5: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe umunyamuryango

• Sector: [Insert Sector]

The Supreme organ may move the head office to any other location within Rwanda upon notification to RGB.

Article 3: Mission and Objectives

The mission of the Organization is to [Insert overarching goal]. Specifically, it aims to:
1. [Objective 1]
2. [Objective 2]
3. [Objective 3]

To achieve its objectives, the Organization may undertake any lawful activity consistent with its mission.

Article 4: Duration

The Organization is established for an indefinite period.

CHAPTER II: MEMBERSHIP AND ORGANIZATIONAL STRUCTURE

Article 5: Membership Requirements

• Secteur : [Insérer le secteur]

L'Organe suprême peut transférer le siège social en tout autre lieu du Rwanda après notification au RGB.

Article 3 : Mission et objectifs

La mission de l'Organisation est de [Insérer l'objectif général]. Elle vise notamment à :
1. [Objectif 1]
2. [Objectif 2]
3. [Objectif 3]

Pour atteindre ses objectifs, l'Organisation peut exercer toute activité licite conforme à sa mission.

Article 4 : Durée

L'Organisation est constituée pour une durée indéterminée.

CHAPITRE II : MEMBRES ET STRUCTURE ORGANISATIONNELLE

Article 5 : Conditions d'adhésion

Kuba umunyamuryango biremewe ku [Andika ibisabwa].

Ibyiciro by'abanyamuryango ni: [Andika ibyiciro].

Membership is open to (Insert criteria).

Categories of members include: (insert category).

L'adhésion est ouverte aux personnes remplissant les conditions suivantes : [Insérer les critères].

Les catégories de membres sont les suivantes : [Insérer les catégories].

Ingingo ya 6: Uburenganzira n'inshingano by'abanyamuryango

Abanyamuryango bafite uburenganzira bwo:
• Kwitabira inama z'Inteko Rusange;
• Gutora ku byemezo;
• Gutora no gutorerwa kujya mu nzego z'ubuyobozi;
• Kumenyeshwa ibikorwa by'Umuryango.

Article 6: Rights and obligations of Members

Members have the right to:
• Participate in meetings of The Supreme organ
• Vote on decisions
• Elect and be elected to governing organs
• Receive information on activities of the Organization.

Article 6 : Droits et obligations des membres

Les membres ont le droit de :
• Participer aux réunions de L'Organe supreme;
• Prendre part aux votes ;
• Élire et être élus aux organes dirigeants;
• Recevoir des informations sur les activités de l'Organisation.

Abanyamuryango bafite inshingano zo:
• Kubahiriza aya mategeko shingiro;
• Gushyigikira inshingano z'Umuryango;
• Kwitabira ibikorwa n'inama.

Members are under the obligation to:
• Respect these statutes
• Support the mission of the Organization
• Participate in activities and meetings.

Les membres ont l'obligation de :
• Respecter les présents statuts ;
• Soutenir la mission de l'Organisation ;
• Participer aux activités et aux réunions.

Ingingo ya 7: Gutakaza ubunyamuryango

Ubunyamuryango bushobora kurangira kubera:
• Kwegura ku bushake;
• Guhagarikwa by'agateganyo;
• Kwirukanwa kubera amakosa akomeye;
• Urupfu;
• Iseswa ryemewe n'amategeko.

Article 7: Loss of Membership

Membership may end through:
• Resignation
• Suspension
• Expulsion for serious misconduct
• Death
• Legal dissolution

Article 7 : Perte de la qualité de membre

La qualité de membre peut prendre fin par :
• Démission ;
• Suspension ;
• Exclusion pour faute grave ;
• Décès ;
• Dissolution légale.

Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'Urwego rukuru.

Ingingo ya 8: Inzego z'Umuryango

Umuryango ugizwe n'inzego zikurikira:

1. Urwego rukuru: urwego rukuru rushyiraho icyerekezo na politiki by'Umuryango.
2. Urwego rw'ubuyobozi: urwego rushinzwe imicungire ya buri munsi.
3. Urwego rushinzwe gukemura amakimbirane: ishinzwe amakimbirane yo mu Muryango.
4. Urwego rushinzwe ubugenzuzi: ishinzwe kugenzura imicungire y'imari.

Ingingo ya 9: Ububasha

Urwego rukuru rufite ububasha bukurikira:
• Kwemeza no guhindura amategeko shingiro;
• Gutora no kuvanaho abagize Urwego rw'ubuyobozi;
• Kwemeza raporo na gahunda z'ingengo y'imari bya buri mwaka;
• Kwemeza icyerekezo cy'ingenzi;
• Kwemeza iseswa ry'Umuryango.

UMUTWE WA III: IMICUNGIRE N'UHUZAGARARIRE

Expulsion is decided by the Supreme organ.

Article 8: Organs of the Organization

The Organization is composed of the following organs:
1. The Supreme organ: The supreme policy-making organ.
2. The Executive organ: The organ responsible for daily management.
3. The Conflict Resolution organ: Responsible for internal disputes.
4. The Audit Committee organ: Responsible for financial oversight.

Article 9: Powers

The Supreme organ has the following powers:
• Approve and amend the statutes
• Elect and dismiss members of The Executive organ
• Approve annual reports and budgets
• Decide on strategic directions
• Approve dissolution of the Organization.

CHAPTER III: MANAGEMENT AND REPRESENTATION

L'exclusion est décidée par L'Organe suprême.

Article 8 : Organes de l'Organisation

L'Organisation comprend les organes suivants:

1. L'Organe suprême: organe suprême d'orientation et de décision.
2. L' Organe exécutif : organe chargé de la gestion quotidienne.
3. L'organe chargé de la resolution des conflits : chargé des différends internes.
4. Le Comité d'audit : chargé du contrôle financier.

Article 9 : Attributions

L'Organe supreme a les attributions suivantes :
• Adopter et modifier les statuts ;
• Élire et révoquer les membres du Comité exécutif ;
• Approuver les rapports annuels et les budgets ;
• Définir les orientations stratégiques ;
• Approuver la dissolution de l'Organisation.

CHAPITRE III : GESTION ET REPRÉSENTATION

Ingingo ya 10: Urwego rw'ubuyobozi

Urwego rw'ubuyobozi igizwe na:
1. Uhagarariye Umuryango imbere y'amategeko;
2. Umwungirije mu guhagararira Umuryango imbere y'amategeko;
3. Umunyamabanga;
4. Umubitsi.

Article 10: The Executive organ

The Executive organ is composed of:
1. The Legal Representative
2. The Deputy Legal Representative
3. The Secretary
4. The Treasurer

Article 10 : L' Organe exécutif

L' Organe exécutif comprend :
1. Le Représentant légal ;
2. Le Représentant légal adjoint ;
3. Le Secrétaire ;
4. Le Trésorier.

Ingingo ya 11: Manda

Abagize Urwego rw'ubuyobozi batorerwa manda y'imyaka [urugero: 3 cyangwa 5], ishobora kongerwa inshuro [Andika umubare].

Article 11: Term of Office

Members of The Executive organ are elected for a term of [e.g., 3 or 5] years, renewable [Insert number] times.

Article 11 : Durée du mandat

Les membres de l' Organe exécutif sont élus pour un mandat de [par exemple : 3 ou 5] ans, renouvelable [Insérer le nombre] fois.

Ingingo ya 12: Inshingano zihariye za Urwego rw'ubuyobozi

Mu rwego rwo kwimakaza imicungire iboneye no gukorera mu mucyo, Urwego rw'ubuyobozi ifite inshingano zikurikira:

1. Uhagarariye Umuryango imbere y'amategeko:
• Ahagararira Umuryango imbere y'inzego zibifitiye ububasha;
• Ashyira umukono ku nyandiko zemewe;
• Yita ku iyubahirizwa ry'amategeko akurikizwa;
• Ashyikiriza Urwego rukuruna RGB raporo z'ibikorwa za buri mwaka.

Article 12: Specific Duties of The Executive organ

To ensure accountability and transparency, The Executive organ shall perform the following duties:

1. The Legal Representative:
• Represents the Organization before authorities
• Signs official documents
• Ensures compliance with applicable laws
• Submits annual activity reports to The Supreme organ and the Rwanda Governance Board.

Article 12 : Attributions particulières de l' Organe exécutif

Afin d'assurer la responsabilité et la transparence, L' Organe exécutif exerce les attributions suivantes:

1. Le Représentant légal :
• Représente l'Organisation auprès des autorités ;
• Signe les documents officiels ;
• Veille au respect des lois applicables ;
• Soumet les rapports annuels d'activités à L'Organe supreme et au RGB.

2. Umwungirije mu guhagararira Umuryango imbere y'amategeko:
• Afasha Uhagarariye Umuryango mu nshingano ze;
• Amusimbura mu bubasha n'inshingano zose iyo adahari, yeguye cyangwa atagishoboye gukora.

3. Umunyamabanga:
• Abika urutonde rw'abanyamuryango n'inyandiko z'Umuryango;
• Ategurira kandi akageza ku bireba ubutumire, gahunda n'inyandikomvugo z'inama z'Urwego rukuruna Urwego rw'ubuyobozi;
• Arinda kashe yemewe y'Umuryango.

4. Umubitsi:
• Agenzura imicungire y'umutungo w'imari wose, harimo imisanzu, inkunga n'impano;

• Atuma ibitabo by'ibaruramari biba nyakuri kandi biboneye;
• Ategurira Komite y'Ubugenzuzi ingengo y'imari na raporo z'imari bya buri mwaka, kugira ngo bisuzumwe mbere yo kwemezwa n'Inteko Rusange.

UMUTWE WA IV: INGINGO ZEREKEYE IMARI

2. The Deputy Legal Representative shall:

• Assists the Legal Representative in the execution of their mandate.
• Assumes all powers and duties of the Legal Representative in the event of their absence, resignation, or incapacity.

3. The Secretary shall:
• Maintain the register of members and is responsible for the Organization's archives.
• Prepares and distributes notices, agendas, and minutes for all meetings of The Supreme organ and Executive Committee.
• Ensures the safe custody of the Organization's official seal.

4. The Treasurer:
• Oversees the management of all financial resources, including member contributions, grants, and donations.
• Ensures that the Organization maintains transparent and accurate accounting records.
• Prepares the annual budget and financial reports for review by the Audit Committee and approval by The Supreme organ.

CHAPTER IV: FINANCIAL PROVISIONS

2. Le Représentant légal adjoint:

• Assiste le Représentant légal dans l'exercice de son mandat ;
• Exerce l'ensemble de ses pouvoirs et fonctions en cas d'absence, de démission ou d'incapacité.

3. Le Secrétaire :
• Tient le registre des membres et conserve les archives de l'Organisation ;
• Prépare et diffuse les convocations, ordres du jour et procès-verbaux des réunions de L'Organe supreme et du Comité exécutif ;
• Assure la garde du sceau officiel de l'Organisation.

4. Le Trésorier :
• Supervise la gestion de toutes les ressources financières, notamment les cotisations, subventions et dons ;
• Veille à la tenue d'une comptabilité transparente et exacte ;
• Prépare le budget annuel et les rapports financiers, soumis à l'examen du Comité d'audit puis à l'approbation de L'Organe supreme.

CHAPITRE IV : DISPOSITIONS FINANCIÈRES

Ingingo ya 13: Inkomoko y'umutungo

Umutungo w'Umuryango ukomoka kuri:

• Imisanzu y'abanyamuryango n'amafaranga yo kwinjira;
• Inkunga n'impano;
• Ibikorwa byinjiza amafaranga byemewe n'amategeko kandi bifitanye isano n'inshingano zawo;
• [Andika indi nkomoko y'inkunga].

Article 13: Sources of Funding

The resources of the Organization shall originate from:
• Member contributions and entrance fees.
• Grants and donations.
• Lawful income-generating activities related to its mission.
• (insert any other source of funding)

Article 13 : Sources de financement

Les ressources de l'Organisation proviennent :

• Des cotisations des membres et des droits d'adhésion ;
• Des subventions et des dons ;
• Des activités génératrices de revenus licites liées à sa mission ;
• [Insérer toute autre source de financement].

Ingingo ya 14: Imicungire y'imari

Umutungo wose w'Umuryango ukoreshwa gusa mu kugera ku ntego zawo.

Umuryango ugomba kugira ibitabo by'ibaruramari biboneye kandi bikorerwa mu mucyo.

Article 14: Financial Management

All resources of the Organization shall be used solely for achieving its objectives.

The Organization shall maintain transparent accounting records.

Article 14 : Gestion financière

Toutes les ressources de l'Organisation sont exclusivement affectées à la réalisation de ses objectifs.

L'Organisation tient une comptabilité transparente.

Ingingo ya 15: Umwaka w'ibaruramari na raporo za buri mwaka

Umwaka w'ibaruramari utangira ku wa 1 Nyakanga ukarangira ku wa 30 Kamena wa buri mwaka. Umuryango utegura raporo z'ibikorwa n'iz'imari za buri mwaka hakurikijwe amategeko n'amabwiriza akurikizwa.

Article 15: Financial Year and annual reporting

The financial year begins on July 1st and ends on June 30th of each year. The Organization shall prepare annual activity and financial reports in accordance with applicable laws and regulations.

Article 15: Exercice financier et rapports annuels

L'exercice financier commence le 1er juillet et se termine le 30 juin de chaque année.
L'Organisation établit des rapports annuels d'activités et des rapports financiers conformément aux lois et règlements applicables.

UMUTWE WA V: GUKEMURA AMAKIMBIRANE, GUHINDURA AMATEGEKO SHINGIRO N'ISESWA

Ingingo ya 16: Gukemura amakimbirane

Amakimbirane hagati y'abanyamuryango cyangwa hagati y'inzego z'Umuryango akemurwa hakurikijwe inzira zikurikirana:

1. Gukemurirwa imbere mu Muryango: ikibazo kibanza gushyikirizwa Urwego rushinzwe gukemura Amakimbirane.
2. Impuzamiryango: iyo ikibazo kidakemutse imbere mu Muryango, gishyikirizwa impuzamiryango umuryango ubereye umunyamuryango.

3. Ihuriro ry'impuzamiryango: iyo ihuriro ridakemuye ikibazo, gishyikirizwa ihuriro ry'impuzamiryango ribarizwamo.

4. Ubuhuza bwa RGB: iyo ikibazo kidakemuwe n'ihuriro ry'impuzamiryango, cyangwa nta huriro rihari, uwagize ikibazo agishyikiriza RGB kugira ngo ikore ubuhuza mu rwego rw'ubuyobozi.

CHAPTER V: DISPUTE RESOLUTION, AMENDMENT, AND DISSOLUTION

Article 16: Conflict Resolution

Any dispute arising between members of the Organization or between its organs shall be resolved through the following hierarchical procedure:

1. Internal Resolution: The dispute shall first be referred to The Conflict Resolution organ of the Organization for an internal settlement.
2. Umbrella: If the dispute is not resolved internally, it shall be referred to the Umbrella to which it is affiliated.

3. Forum of Umbrellas: If the Umbrella fails to resolve the dispute, the matter shall be referred to the Forum of Umbrellas to which it is affiliated.

4. Mediation by the Board: If the dispute remains unresolved by the Forum of Umbrellas, or where no such Umbrella/Forum exists, the aggrieved party shall refer the matter to the Rwanda Governance Board (RGB) for administrative mediation.

CHAPITRE V: RÉSOLUTION DES CONFLITS, MODIFICATION ET DISSOLUTION

Article 16: Résolution Des Conflits

Tout conflit entre les membres de l'Organisation ou entre ses organes est réglé selon la procédure hiérarchique suivante :

1. Règlement interne: le conflit est d'abord soumis à l'organe chargé de la resolution des conflits de l'Organisation.
2. Collectif: si le conflit n'est pas résolu en interne, il est soumis au collectif dont l'Organisation est membre.

3. forum des collectifs: si le collectif ne rèsolu pas le conflit, celui-ci est soumis au forum des collectifs dont elle est member.

4. Médiation du RGB: si le conflit demeure non résolu par le forum, ou en l'absence d'un collectif ou d'un forum, la partie lésée le soumet au RGB pour une médiation administrative.

5. Kwitabaza inkiko: ikibazo gishobora gushyikirizwa urukiko rubifitiye ububasha gusa iyo RGB itashoboye kugikemura binyuze mu buhuza.

Ingingo ya 17: Guhindura amategeko shingiro

Aya mategeko shingiro ahindurwa n'Urwego rukuruku ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi.

Ingingo ya 18: Iseswa

Iyo Umuryango usheshwe ku bushake, Urwego rukuru rugena uko umutungo usigaye nyuma yo kwishyura imyenda yose uhabwa undi muryango utari uwa Leta ufite inshingano zisa n'izawo, hakurikijwe Itegeko Nº 058/2024.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 19: Kubahiriza amategeko

Ibibazo byose bitateganyijwe muri aya mategeko shingiro bigengwa n'Itegeko Nº 058/2024 rigenga imiryango itari iya Leta mu Rwanda n'andi mategeko akurikizwa.

Ingingo ya 20: Gutangira gukurikizwa

5. Judicial Recourse: A dispute may only be referred to a competent court if the Rwanda Governance Board fails to resolve it through mediation.

Article 17: Amendment of Statutes

These statutes may be amended by The Supreme organ with a two-thirds majority vote.

Article 18: Dissolution

In the event of voluntary dissolution, The Supreme organ shall decide on the allocation of assets to another NGO with a similar mission, following the settlement of all liabilities and in compliance with Law N° 058/2024.

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

Article 19: Compliance with Law

All matters not provided for in these statutes shall be governed by Law Nº 058/2024 governing NGOs in Rwanda and other applicable laws.

Article 20: Entry into Force

5. Recours judiciaire : le différend ne peut être porté devant la juridiction compétente que si la médiation du RGB n'aboutit pas.

Article 17 : Modification des statuts

Les présents statuts peuvent être modifies par L'Organe supreme à la majorité des deux tiers (2/3) des voix.

Article 18 : Dissolution

En cas de dissolution volontaire, L'Organe supreme décide de l'affectation des biens à une autre ONG poursuivant une mission similaire, après apurement de toutes les dettes et conformément à la Loi nº 058/2024.

CHAPITRE VI : DISPOSITIONS FINALES

Article 19 : Conformité à la loi

Toute question non prévue par les présents statuts est régie par la Loi nº 058/2024 régissant les ONG au Rwanda et par les autres lois applicables.

Article 20 : Entrée en vigueur

Aya mategeko shingiro atangira gukurikizwa amaze kwemezwa n’abanyamuryango bashinze Umuryango no kwandikwa na RGB.

KWEMEZA NO GUSHYIRAHO IMIKONO

Aya mategeko shingiro yemejwe n’Urwego rukuru rwateraniye i [Ahantu] ku wa [Itariki].

Izina | Umwanya | Umukono
[Izina] | Uhagarariye Umuryango imbere y’amategeko | _____
[Izina] | Umwungirije | _____

These statutes enter into force upon their approval by the founding members and registration by the Rwanda Governance Board.

ADOPTION AND SIGNATURES

These statutes were adopted by The Supreme organ held at [Location] on [Date].

Name | Position | Signature
[Name] | Legal Representative | _____
[Name] | Deputy Legal Representative
_____

Les présents statuts entrent en vigueur après leur approbation par les membres fondateurs et l’enregistrement auprès du RGB.

ADOPTION ET SIGNATURES

Les présents statuts ont été adoptés par L’Organe supreme tenue à [Lieu] le [Date].

Nom | Fonction | Signature
[Nom] | Représentant légal | _____
[Nom] | Représentant légal adjoint | _____